REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'AMASHULI
ABANZA N'AYISUMBUYE.

Kigali, ku wa 7 mutarama 1982
09.02/ 0259

Abayobozi b'Amashuli yisumbuye (BOSE)

Abalimu b'ikinyarwanda mu myaka ya mbere ivuguruye y'amashuli yisumbuye (BOSE)

Impamvu: Imikoreshereze y'integanyanyigisho y'ikinyarwanda.

Bibaye ngombwa ko tugaruka ku mikoreshereze ikwiye y'integanyanyigisho y'ikinyarwanda mu myaka ya mbere y'amashuli yisumbuye y'ivugururwa, no ku ntego y'inyigisho y'urulimi kavukire ubwayo mu mashuli, kugira ngo inyigisho y'ikinyarwanda izarusheho kugilira akamaro abanyeshuli twese dushinzwe.

Uretse gukomeza ubwumvane mu benegihugu, gufasha gusobanukirwa n'umuco w'igihugu no kuwuteza imbere, inyigisho y'urulimi kavukire ni imwe mu z'ingenzi zimenyereza umunyeshuli kurema ubwenge, kujijukirwa no gushyira mu gaciro. Izo ntego z'ibanze zigomba kuranga n'uburere bw'abana b'u Rwanda nta handi handi zishobora kwendera usibye ku rulimi kavukire rwabo, ikinyarwanda. Ni cyo gituma ivugururwa ly'amashuli lyagennye umwanya ukwiye w'inyigisho y'ikinyarwanda mu rubuga rw'andi masomo, bihereye ku bwinshi n'agaciro k'ubumenyi n'ubumenyangiro mu rulimi kavukire bugomba kuzaranga umunyeshuli uzaba arangije amashuli yisumbuye avuguruye.

Kugira ngo ibyo bigerweho, hateganijwe imbonerahamwe z'integanyanyigisho abanyeshuli bo mu mashami yose y'amashuli avuguruye basabwa kuzarangiza, hateganywa n'amasaha bikwiranye ya buli cyumweru, bakulikije imikulikiranire y'intego n'ibigamijwe bwite bya buli shami ly'ishuli.

Na none iyo migambi y'integanyanyigisho ntiyagerwaho hatabayeho imbonezamasomo ifasha abalimu bashinzwe inyigisho y'ikinyarwanda mu mashuli.

.../...

Hambere aha ishami ly'ikinyarwanda mu biro nteganyanyigisho by'amashuli yisumbuye lyasuye amwe mu mashuli yisumbuye, ligamije gusuzuma imikoreshereze y'integanyanyigisho mu myaka ya mbere ivuguruye. Imyanzuro y'imishyikirano lyagiranye n'abalimu bashinzwe iyo nteganyanyigisho muli ayo mashuli ni yo nifuza kugeza ku balimu b'ikinyarwanda n'abayobozi b'amashuli yisumbuye bose, kuko nizera cyane ko yaba ingirakamaro mu kugorora imikoreshereze y'integanyanyigisho aho yaba itarakulikiza neza amabwiliza ali mu gika cya 2 cy'ilibuliro ly'iyo nteganyanyigisho.

Tuboneyeho akanya ko gusaba abalimu b'ikinyarwanda kongera gusoma icyo gika cya kabili cy'ilibuliro ly'integanyanyigisho, kuko ubwacyo gisobanura bihagije imbonezamasomo y'integanyanyigisho y'umwaka wa mbere w'amashuli yisumbuye avuguruye. Kandi uwo mwandiko mboherereje w'imyanzuro y'imishyikirano na wo muzawusome; urasobanura iyo mbonezamasomo ku bulyo burambuye.

Ntituyobewe ko hakili ibibazo bisaba umwanya uhagije w'imishyikirano ikwiliye kuba hagati y'abalimu b'ikinyarwanda n'abategura integanyanyigisho yacyo. Nk'uko bisanzwe, tuzakora uko dushoboye kugira ngo imibonano yanyu n'abategura integanyanyigisho izabe vuba kandi ijye iba kenshi. Koko na twe twashimishwa cyane n'uko inyigisho y'ikinyarwanda yagira umurego, igatanganwa ubuhanga n'ubujijuke, bityo ikarushaho kugilira akamaro abanyeshuli twese dushinzwe.

Sinshidikanya na busa ko abayobozi b'amashuli yisumbuye n'abalimu b'ikinyarwanda bamaze gusobanukirwa n'uruhare rukwiye inyigisho y'urulimi kavukire. Abo mushinzwe nibamara gusobanukirwa n'imihimbire y'ibyiza byose byahimbwe mu kinyarwanda, tulizera rwose ko ali bo bazavamo abahanzi b'abahanga bazatugezaho ubuvanganzo nyandiko bunyuze abenegihugu, kandi buhuje n'igihe tugezemo, kimwe n'ibihe bizaza.

Mbashimiye mwese ukwitanga n'amatsiko muzakorana mushakira hamwe ubulyo bwo guteza imbere inyigisho y'ikinyarwanda.

Koloneli Aloyizi NSEKALIJE,

Minisitiri w'Amashuli Abanza n'Ayisumbuye.

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'AMASHULI ABANZA N'AYISUMBUYE

AMASHULI YISUMBUYE

UMWAKA W'AMASHULI 1981 - 1982

ISUZUMA LY'ISOMO LYA: IKINYARWANDA

UMUGENZUZI : MUTAKE Tharcisse

INYANDIKOMVUGO Y'URUZINDU n° 1 RWO KU WA 26 KUGERA KU WA 28 UGUSHYINGO 1981

AMASHULI :

- Urwunge rw'Amashuli rw'i SAVE
- Ishuli Nderabarezi ly'Inyigisho Rusange ly'i SAVE
- Ishami Nyamubano lyo ku KARUBANDA
- Seminali y'i BUTARE
- Urwunge rw'Amashuli rw'i BUTARE
- Ishuli Nyamubano ly'i KANSI
- Ishuli ly'Inderabuzima n'Ingarurabuzima ly'i KANSI.

1. <u>Impamvu y'uruzindu.</u>

Uruzindu twagiliye muli ayo mashuli rwali ruganije mbere na mbere gusuzuma uko abalimu b'ikinyarwanda mu myaka ya mbere y'amashuli yisumbuye avuguruye bakoresha integanyanyigisho bashyikiliye. Aliko n'abalimu b'ikinyarwanda bo mu yindi myaka isanzwe muli ayo mashuli batumirwaga mu mishyikirano kugira ngo bungurane ibitekerezo na bagenzi babo bo mu myaka ya mbere y'amashuli yo mw'ivugurura.

2. <u>Iyo mishyikirano yateguwe ite</u> ?

Muli iyo mishyikirano, uhagaraliye ishami ly'ikinyarwanda mu biro nteganyanyigisho yasabaga umwalimu kumutekerereza ubulyo akoresha integanyanyigisho bamwohereje, byarangira na we akagira icyo abivugaho. Ubwo yabonerагaho umwanya wo gusobanura ukuntu iyo nteganyanyigisho yakozwe n'imigambi yayo, no gusobanura imikoreshereze iboneye ishobora gukulikizwa kugira ngo abanyeshuli bazagere ku ntego zateganijwe n'integanyanyigisho.

Amashuli twagiranyemo imishyikirano n'abalimu b'ikinyarwanda ni :

- Urwunge rw'Amashuli rw'i Save
- Ishuli Nderabarezi ly'Inyigisho Rusange ly'i Save
- Ishuli Nyamubano lyo ku Karubanda
- Seminali y'i Butare
- Urwunge rw'Amashuli rw'i Butare
- Ishuli Nyamubano ly'i Kansi
- Ishuli Nderabuzima n'Ingarurabuzima ly'i Kansi.

Uko aya mashuli akulikirana muli uyu mwandiko ni na ko twagiye tuyanyuramo limwe limwe.

Kuba twarasuye amashuli y'i Butare ntitujye gusura andi y'ahandi nta cyo twakulikije. Ahubwo n'aho twagiye, byaratubabaje ko twabuze umwanya wo gusura Ishuli ly'Ubuhinzi n'Ubworozi ly'i Butare kimwe n'Ishuli ly'Imyuga ly'i Save.

Muli buli shuli twagiyemo twabonanaga n'abalimu b'ikinyarwanda mu gihe kitarenze isaha imwe.

3. <u>Abalimu twabonanye.</u>

Abalimu b'ikinyarwanda mu myaka ya mbere ivuguruye bo mu mashuli twasuye ntibababaga barenze umwe cyangwa babili muli buli shuli. Aliko mu

gihe twagiranaga na bo imishyikirano, Umuyobozi w'ishuli na we yabaga ahali, kandi hakiyongeraho nibura umwalimu umwe wigisha ikinyarwanda mu myaka yindi isanzwe muli ayo mashuli.

Abenshi mu balimu twagiye tubonana muli ayo mashuli bafite amadipolomi ya Kaminuza mu bumenyi bw'Ubuhanga mu by'Indimi ali mu rwego bita "Baccalauréat". Ku balimu 9 twabonanye, batatu bafite "Baccalauréat" mu Buhanga mu by'Indimi yo mu Ishuli Likuru ly'Inderabarezi, batatu bandi bafite "Baccalauréat" mu Buhanga mu by'Indimi yo muli Iniverisiti y'u Rwanda. Batatu bandi basigaye na bo barangwaho ubushobozi bwo kwigisha ikinyarwanda mu myaka ya mbere ivuguruye yo mu mashuli yisumbuye.

- Umwe afite dipolomi ya Kaminuza yahwana na "Baccalauréat" mu Buhanga mu by'Indimi. Afite dipolomi ya "Candidat" muli Tewologiya yo muli Iniverisiti yo muli Zayire.
- Uwa kabili yarangije Ishuli ly'Inderabarezi D7, kandi yakunze gukulikirana imilimo y'amahugurwa yagiye iteganywa n'Ibiro Nteganyanyigisho by'Amashuli Yisumbuye.
- Uwa gatatu na we yarangije Ishuli ly'Inderabarezi D4, kandi akoze umulimo w'uburezi igihe kirekire.

## 4. Iyo mishyikirano yageze ku ki ?

Umuntu agiye asubira mu nyanzuro yagiye igerwaho muli buli shuli byaba ali uguta igihe cy'ubusa, kuko, urebye, twasanze abalimu twagiye tubonana bafite ibibazo bimwe n'ubulyo busa mu mikoreshereze y'integanyanyigisho bashyikiliye. Ni cyo gituma twasanze byaba byiza umuntu avuze uko imikoreshereze y'integanyanyigisho iteye n'uko yifashe muli rusange. Ndetse ubwo bulyo ni bwo bwafasha buli wese kugira icyo yibwira ku mikoreshereze y'iyo nteganyanyigisho muli iki gihe.

a. Abalimu bose twaganiliye batubwije ukuli ko bitaborohera gusobanukirwa n'ingingo zili mu nteganyanyigisho nshya kubera ahanini amagambo y'amuga akoreshwamo bataramenyera. Bifuzaga cyane ko hategurwa amahugurwa yo kubasobanulira ayo magambo cyangwa se nibura bakabohereza inyandiko ihereza integanyanyigisho, ibafasha kurushaho gusobanukirwa n'iyo nteganyanyigisho y'ikinyarwanda.

Ubwo twaboneyeho akanya ko kubamenyesha ko Ishami ly'Ikinyarwanda mu Biro Nteganyanyigisho by'Amashuli Yisumbuye lilimo gutegura mu kinyarwanda insobanuro z'amagambo y'amuga akoreshwa mu nteganyanyigisho y'ikinyarwa-

nda kimwe n'ingero ziherekeza izo nsobanuro. Twababwiye n'uko urutonde rw'amagambo y'igifaransa asobanuye mu kinyarwanda rwali rwarateguliwe Inama y'Igihugu y'Integanyanyigisho ruzongera gukaragwa bakarubohereza. Twongeyeho na none ko ibyo koko bidahagije, ko hakwiliye kuboneka vuba ubulyo bwo gukoresha amahugurwa yaborohereza gushyikirana n'ingingo z'integanyanyigisho nshya n'iby'igamije, kimwe n'ubulyo bukwiye bwo kuyikoresha mu ishuli.

b. Twasanze abalimu bo mu mashuli yose twasuye bibeshya kimwe ku mikoreshereze y'iyo nteganyanyigisho tuvuga. Usanga bose bayifata bakayicamo imirwi itatu ihwanye n'ibihembwe bitatu, bibwira ahali ko amasomo agomba kuyivamo agomba gukulikirana nk'uko ingingo z'iyo nteganyanyigisho zikulikirana. Ntagushidikanya, bene ubwo bulyo butuma umwalimu ategura amasomo ashingiye ku nshoza z'ubumenyi, aho kwibanda ku byo umunyeshuli asabwa kumenya gukora, ali byo bita "ubumenyangiro". Kandi ubwo bulyo butera umwalimu kubulizamo atabishaka ubwuzuzanye bugomba kuba hagati y'intego z'integanyanyigisho y'ikinyarwanda. Ibyo bigatuma noneho umwalimu akora isomo lisa n'aho lili mu cyuka, lidashamikiye ku rulimi ubwarwo ruba rusanzwe ruzwi n'abanyeshuli ubwabo kimwe na mwalimu.

Twasobanuliye abalimu twaganiliye ko nyamara mu gika cya 2 cy'ilibuliro ly'integanyanyigisho y'ikinyarwanda halimo ibisobanuro bihagije by'imbonezamasomo bakulikiza kugira ngo bavumbure amatsiko y'abanyeshuli babo, kandi bakomeze ubumwe n'ubwuzuzanye bugomba kuba hagati y'intego zose z'inyigisho y'urulimi kavukire. Kubera ko abanyeshuli baba basanzwe bakoresha urulimi rwabo kavukire, inyigisho yarwo igomba kwishingikiliza ku bintu bigaragara, by'urulimi, cyane cyane nk'umwandiko,kuko abanyeshuli bashobora kuwubona, maze mwalimu akaba ali wo aheraho.

Imikoreshereze myiza y'iliya nteganyanyigisho ni iyo umwalimu yakwifatamo nk'urondata abanyeshuli,abafasha kwihishulira ubwabo inshoza nshya z'ubumenyi, agahora yilinda uko ashoboye kubarangulira izo nshoza, batarazibonera. Bene ubwo bulyo busaba ko umwandiko uba urwitwazo, maze umwalimu ageraho akoresha ubulyo bw'ibaza budacogora, kuko ali bwo usanga bukwiranye n'inyigisho ishaka gushyikiliza abanyeshuli ubumenyangiro mu kintu bibwira ko basanzwe bakizi bihagije.

Ikindi kandi, intego z'iliya nteganyanyigisho ntizigomba gukulikirana mu masomo nk'uko ubona zikulikirana mu mwandiko wayo. Ahubwo umwalimu afite uburenganzira bwo guhitamo intego izi n'izi,n'igihe gikwiye azazigerezaho abanyeshuli, akulikije na none ubumenyi azi ko abanyeshuli bagezeho, n'ubumenyi abona bagomba kwiyunguraho. Ni yo mpamvu bidakwiye na busa guca imirwi-

muli iliya nteganyanyigisho y'ikinyarwanda. Ahubwo ugasanga icya ngombwa ali ubulyo n'ubuhanga umwalimu yakoresha mu ihitamo ly'intego ashaka kugezaho abanyeshuli mu isomo ili n'ili (cyangwa mu masomo aya n'aya akulikiranye). Ibyo na none akabikora ahereye ku ntego abanyeshuli bagezeho n'izo bagomba kuzageraho, kandi agahora azi ko gutegura neza amasomo no guteganya imbonezamasomo ihwanye n'intego ali bwigisho ali byo byonyine bizatuma inyigisho ye igilira akamaro abanyeshuli. Hali n'ikindi, ni uko intego nyinshi z'integanyanyigisho y'ikinyarwanda zidashobora kwihalira ubwazo amasomo yihaliye, ahubwo ugasanga umwalimu azigeraho buli gihe cyose abiboneye akanya k'urwitwazo. Nk'intego zerekeye "amahuliro y'urulimi n'umuco" cyangwa izerekeye "iyigarutonde n'iyiganyito". Nk'izo ntego zigerwaho neza ali uko umwalimu abonye ingingo afatiraho igihe yiga "umwandiko uyu n'uyu (nko mu gusobanukirwa n'umwandiko cyangwa mu gusesengura umwandiko ...), byaba ngombwa ndetse akaba yazitindaho. Tutarondogoye, nta ntego n'imwe yo muli iliya nteganyanyigisho y'ikinyarwanda itagerwaho uko mwalimu abiboneye ubulyo. Ibyo bikerekana ko imikoreshereze y'iliya nteganyanyigisho y'ikinyarwanda igomba gucishiliza, itaretse no kudahwema kugaragaza ko izo ntego zishingiye ku kintu kimwe (urulimi rw'ikinyarwanda), zikagamiza kimwe (ubumenyi n'ubumenyangiro bwa gihanga bw'urulimi kavukire). Maze buli gihe ubumwe n'ubwuzuzanye bw'izo ntego z'iyo nteganyanyigisho bugahora bugaragalira muli buli somo ly'ikinyarwanda.

Ubwo bumwe n'ubwuzuzanye bw'intego z'integanyanyigisho nta kindi cyatuma bugerwaho uretse kwifashisha umwandiko uyu n'uyu, ukawuhoraho ushakisha uko buli ntego yagerwaho. Kandi birashoboka. Ali intego zerekeye urusobe rw'ikinyarwanda, ali izerekeye amahuliro y'urulimi n'umuco, gusesengura, cyangwa guhimba wandika no kunoza imvugo, izo ntego zose umuntu yazigezaho abanyeshuli ahereye ku mwandiko umwe yatoranije. Ndetse ahubwo atarebye neza, umwandiko umwe wamufata amasomo menshi n'iminsi myinshi atararangiza intego zose zateganijwe mu nteganyanyigisho. Ni cyo gituma ibyiza ali uko umwalimu yajya anyuranya imyandiko, akamenya igihe cyo kureka umwandiko, agafata undi, akaba ali wo aheraho ageza abanyeshuli ku nshoza ziteganijwe bataramenya, ataretse n'intego zidashobora kubura mu nyigisho y'umwandiko uwo ali wo wose, ni ukuvuga intego zerekeye gusobanukirwa n'umwandiko, gusesengura umwandiko, iyigarutonde n'iyiganyito, kimwe n'izerekeye amahuliro y'urulimi n'umuco.

Igihe twaganiraga n'abalimu b'ikinyarwanda b'imyaka ya mbere ivuguruye y'amashuli yisumbuye ku mikoreshereze y'integanyanyigisho y'ikinyarwanda babonye, twasanze mu by'ukuli batarasobanukiwe neza n'imbonezamasomo ili mu ilibuliro ly'iyo nteganyanyigisho. Cyangwa se yenda ntibayisomye.

Urebye, ilyo jambo ly'imbonezamasomo lilimo ingingo z'ingenzi zose zabafasha gushyikiliza abanyeshuli ubumenyi bw'ingirakamaro bw'urulimi rwabo kavukire, nk'uko biteganijwe mu nteganyanyigisho. Aliko ahali kudasobanukirwa n'amagambo y'amuga batamenyereye, no kuba yenda ilyo jambo ly'imbonezamasomo litarambuye, ni byo byaba byaratumye abalimu b'ikinyarwanda batabona ko imikulikiranire y'intego z'integanyanyigisho yakulikije irondora ly'ibintu umuntu yakwiga mu rulimi rwe kavukire, bakibwira ko ali yo bagomba no gukuliza mu nyigishilize yabo y'ikinyarwanda.

Nyamara niba abalimu b'ikinyarwanda ali abahanga nk'abo twabonanye, bakanitangira bose inyigisho y'ikinyarwanda nka bo, ntawashidikanya ko insobanuro irambuye y'iyo nteganyanyigisho yabafasha koko kurema inyigisho ihamye y'urulimi rwacu kavukire.

c. Abalimu b'ikinyarwanda mu mashuli twagezemo balifuza imfashanyigisho zihagije zabagoboka mu nyigisho zabo nk'uko ziteganijwe. Cyakora koko, uretse agatabo k'IKIBONEZAMVUGO (kali gasanzwe kazwi, kakosowe, kagakaragwa) abayobozi b'amashuli bashobora kuvana ku biro Nteganyanyigisho bahaciye, ubundi ntiharaboneka igitabo cyo gusoma cy'Umunyeshuli kilimo ubwoko bw'imyandiko buteganywa n'integanyanyigisho y'umwaka wa mbere. Kubera impamvu nyinshi, ishami ly'ikinyarwanda ntilyabashije kurangiza uwo mulimo na wo ulibabaje. Aliko, kugira ngo lirwanye ingorane ziterwa no kutagira igitabo cyo gusoma cy'umunyeshuli, lyateganije umurondoro w'ibitabo mfashanyigisho abayobozi b'amashuli bashobora kugura, bakabishyira yenda mu nzu y'ibitabo bigenewe abalimu. Ibyo bitabo tuvuga ni ibyo umwalimu ashobora gutoranyamo imyandiko y'ubwoko buteganywa n'integanyanyigisho y'umwaka wa mbere. N'ubwo buli wese yiyumvisha ko ubulyo budahagije, nibura umwalimu yaba abonye icyo aheraho ageza abanyeshuli ku ntego z'integanyanyigisho, yifashisha na none imbonezamasomo ikwiranye n'inyigisho y'urulimi kavukire. Mu bwoko bw'imyandiko buteganywa mu mwaka wa mbere, abalimu basabwa kwibanda cyane cyane ku nyandiko ibara inkuru, kuko imyitozo yo guhanga mu nyandiko no mu mvugo abanyeshuli basabwa kuzaba bazi neza barangije uwo mwaka izaba ishingiye ku bulyo n'ubuhanga bwo kubara inkuru. Mwalimu ntazibagirwa na none ubundi bwoko bw'imyandiko buteganilijwe umwaka wa mbere, aliko imyandiko ibara inkuru ni yo azajya aheraho kenshi akoresha imbonezamasomo itangwa mu gika cya 2 cy'ilibuliro ly'integanyanyigisho.

5. <u>Umusozo</u>.

Ukuntu buli mwalimu mu bo twaganiliye yagiye atubwira uko akoresha
integanyanyigisho y'ikinyarwanda n'ingorane yakunze guhura na zo, n'ukuntu
nta tandukaniro linini usanga mu bitekerezo bagiye batugezaho, umuntu yagira
icyo yiyumvishaho ku byerekeye aho imikoreshereze y'integanyanyigisho z'iki-
nyarwanda igeze mu myaka ya mbere ivuguruye y'amashuli yisumbuye. Tutiliwe
turondogora, dusanga hali ibibazo bikizitira imikoreshereze iboneyo y'iyo
nteganyanyigisho, n'ubwo abalimu usanga bafite rwose umwete wo guteza imbere
inyigisho y'urulimi rwabo kavukire. Twasanze imishyikirano nk'iyo twagiranye
n'abalimu bo mu mashuli y'i Butare igilira akamaro abashinzwe integanyanyigi-
sho mu mashuli n'abategura integanyanyigisho, kuko imilimo yabo yuzuzanya.
Abayobozi b'amashuli n'abalimu twabonanye bifuje ko iyo mibonano yajya iba
kenshi aliko ugasanga n'ubwo kugera muli buli shuli byali bikwiliye, byasaba
igihe kirekire. Ahubwo amahugurwa y'uturere duto duto yatuma abashinzwe
inyigisho y'ikinyarwanda mu mashuli bagira icyo bageraho vuba cy'ingirakamaro,
kandi buli muntu akabona akanya ko kugira icyo yungura bagenzi be. Gutegura
imfashanyigisho ni cyo abakozi bo mu ishami nteganyanyigisho ly'ikinyarwanda
bibanzeho muli iki gihe, aliko babonye uko bajya gusobanulira integanyanyigisho
z'ikinyarwanda abashinzwe kuzikoresha mu mashuli byarushaho kugira akamaro.
Mu by'ukuli, abalimu b'ikinyarwanda baramutse basobanukiwe n'amagambo y'amuga,
bakamenya ubulyo mbonezamasomo bwateganywaga bahimba integanyanyigisho, ibyo
byonyine byaba ali inkunga ikomeye umwalimu yaba "yirwanishaho" igihe imfasha-
nyigisho zitunganye zitaraboneka.

<u>IMPUGUKIRWA</u>.

Birababaje rwose kubona inyigisho y'ikinyarwanda itaratangira mu myaka
ya mbere yo mu Rwunge rw'Amashuli rw'i Butare. Umuyobozi w'ilyo shuli yasanze
ngo ali ngombwa ko mu masomo y'ikinyarwanda umwalimu wacyo yaba atangano
amasomo y'igifaransa kugeza igihe abanyeshuli bazaba bashobora gukulikira
inyigisho zindi zitangwa mu gifaransa.

Ishami ly'Ikinyarwanda

Ibiro Nteganyanyigisho by'Amashuli Yisumbuye.

Kigali, ku wa 3 Ukuboza 1981